REPUBULIKA Y'U RWANDA

INTARA Y'IBURENGERAZUBA
AKARERE KA NYABIHU
B.P. 125 RUHENGERI
Website: www.nyabihu.gov.rw
E-mail: nyabihudistrict@nyabihu.gov.rw

# ITANGAZO

Ubuyobozi bw'Akarere ka Nyabihu buhereye ku ibaruwa ya REB No 1019/REB/TDM&CGC/21 yo ku wa 9/10/2021 itanga uburenganzira bwo gufasha abarezi koroherezwa urugendo bakajya gukorera hafi y'imiryango yabo nubwo batararangiza igihe cy'igeragezwa, ahagaragajwe impamvu zikwiriye kwitabwaho ari zo:

- Abafite ikibazo cy'uburwayi bukomeye kandi bikaba byarahamijwe n'umuganga wemewe na Leta y'u Rwanda;
- Ababyeyi bafite abana bato basize mu rugo bakajya gukorera kure cyane y'imiryango yabo ku buryo byahungabanije ubuzima bw'umuryango;
- Abafite abantu bo mu muryango bagomba kwitaho kuko bafite uburwayi bukomeye bikaba byarahamijwe n'umuganga wemewe na Leta y'u Rwanda;
- Abarimu babiri bifuza guhinduranya aho bakorera (Permutation) ariko bahuje ibyo bigisha n'icyiciro cy'impamyabumenyi, hatitawe ku gihe umwarimu amaze mu kazi

Akarere ka Nyabihu karasaba abarezi barebwa n'izi mpamvu zavuzwe haruguru ko bahawe iminsi itanu yo kwandika basaba koroherezwa banagaragaza ukuri kw'impamvu batanze.

Dosiye isaba igizwe n'ibi bikurikira:

1. Ibaruwa isaba yandikiwe Umuyobozi w'Akarere ka Nyabihu
2. Fotokopi y'indangamuntu
3. Fotokopi ya Diplome ahemberwa
4. Icyemezo cy'imyifatire myiza gitangwa n'Umurenge
5. Ibihamya bijyanye n'impamvu yavuze mu ibaruwa(attestation de naissance, ibyemezo bya muganga, …)
6. Abifuza kugurana bigisha bimwe bazana ibaruwa inyujijwe ku bayobozi b'amashuri yombi kandi ugurana nawe agasinya ku ibaruwa ya mugenzi we bifuza kugurana yemeza ko kugurana na mugenzi we abyemera bakongeraho n'ibivugwa hejuru.

Kwakira ubusabe bw'abasaba koroherezwa bizarangira kuwa 15/10/2021 saa kumi n'imwe(17h00)

Bikorewe i Nyabihu, kuwa 11/10/2021

**Madamu MUKANDAYISENGA Antoinette**

Umuyobozi w'Akarere ka Nyabihu